# 277: Mwam' ubugingo bwacu ni nk'umunsi

1. Mwam' ubugingo bwacu ni nk'umunsi: Ni buke rwose ntiburama cyane; Kand' ibyishimo byabwo birashira:Mwam' udahinduka, tugumane.

2. Gumana nanjye, kuk' umuns' ukuze, Dore burije, Mwami, ndagushaka; Ni mbur'abandi bose bo kumfasha,Tugumane, Mwami, tugumane

3. Iminsi yose mba ngushaka, Mwami, Iyo Satan' antey' andwanya cyane, Nta wundi mfit' ubasha kuntabara;Tugumane, Mwami, tugumane.

4. Singir' umwanzi n'umwe turi kumwe, Kand' amakuba ntambabaza cyane; Intorezo y'urupfu yaracitse;Byose ni byiza, ni tugumana.

5. Amaso n' aremb' uzambonekere, Nzabon' ubwiza bwawe bwo mw ijuru, Nzasiga vub' umwijirna wo mw isi,No mw ipfa ryanjye, tuzagumane !

Visit us at indirimbo.com